**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kigali, ku wa 22 Werurwe 2021**
**N° 0515/12.00/2021**

**MINISITERI Y'UBUREZI**
**B.P 622 KIGALI**

Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere(Bose)
Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere ( Bose)

**Impamvu**: Kumenyesha gahunda y'ingendo z'abanyeshuri biga mu bigo bibacumbikira

Madamu/Bwana Muyobozi,

Mbandikiye mbamenyesha gahunda Abanyeshuri bazatangira ibiruhuko guhera Ku wa gatanu, tariki ya 02 Mata 2021. Akaba ari muri urwo rwego Minisiteri y'Uburezi ibagejejeho gahunda y'ingendo kuri abo banyeshuri kugira ngo imenyeshwe ibigo by'amashuri.

Mboherereje kandi ku mugereka uko iyi gahunda iteganyijwe n'uko izashyirwa mu bikorwa.

Ku bisobanuro birambuye, mwabaza Madamu Boneza Angelique kuri Telefoni igendanwa : 0788506901 na Email :aboneza@mineduc.gov.rw

Mugire Amahoro.

Digitally signed by MINEDUC (MOS PSE)
Date: 2021.03.22 18:04:34 +02'00'

**Gaspard TWAGIRAYEZU**
Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye

**Bimenyeshejwe**:

- Minisitiri w'Uburezi
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe ICT na TVET
- Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Umuyobozi Mukuru wa REB
- Umuyobozi wa Mukuru wa RTB
- Umuyobozi Mukuru wa RURA
- Umuyobozi wa Polisi y'U Rwanda

**ISOBANURAMPAMVU YA GAHUNDA YO GUKURIKIRANA INGENDO Z'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA**

## A. Intangiriro:

Minisiteri y'Uburezi ku bufatanye n'inzego za Leta zirimo Police, RURA, RBC, n'Ibigo bitwara abagenzi bateganyije ahantu hazifashishwa mu kwakira abanyeshuri bazaba bava mu mashuri abacumbikira berekeza mu byerekezo batahamo.

Iyi gahunda yakozwe mu rwego rwo kwirinda kwandura icyorezo cya COVID-19 ku banyeshuri bazaba bari mu ngendo, kubabungabungira umutekano no kubafasha kubona imodoka zibageza ku buryo bworoshye aho abanyeshuri bataha.

Itsinda ryo ku rwego rw'ishuri rishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID-19 ndetse n'uko ingendo z'abanyeshuri ziteguye.

## B. Ahantu hateganyijwe ni aha hakurikira:

### 1. Ku rwego rw'Intara n'Akarere:

Abanyeshuri bazajya bafatira imodoka ku mashuri aberekeza mu byerekezo batahamo, bigakurikiranwa n'Umuyobozi w'Ishuri.

Akarere gakurikirana ko buri Muyobozi w'Ishuri yakoranye n'abashinzwe gutwara abagenzi kubona imodoka zizatwara abanyeshuri.

Ku mashuri, aho abanyeshuri bahagurukira hagomba kuba harateganyijwe ibikoresho by'isuku, hari n'ubundi buryo bwateganyijwe bwo kwirinda icyorezo cya COVID-19. Abanyeshuri bazafashwa n'itsinda rizashyirwaho n'urwego rw'Akarere guhuza ibikorwa na raporo bikorwe n'Urwego rw'Intara.

**Bimwe mu bikenewe mu rwego rwo kwirinda icyorezo cya COVID-19 ku rwego rw'Akarere ni ibi bikurikira:**

- Ahantu hahagije ho gukarabira intoki cyangwa ubundi buryo bwo kwirinda nko gukoresha "hands sanitizers";
- Ubwiherero n'ibikoresho by'isuku;
- Ibikoresho byo gupima ubushyuhe bw'umubiri;
- Ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze;
- Imodoka yakwifashishwa mu gutwara abarwayi bibaye ngombwa;
- Icyumba gihagije kirimo intebe na matelas cyakwifashihwa mu gihe habonetse umuntu ukekwaho icyorezo cya COVID-19.

MINISTERE DE L'EDUCATION

### 1.1. Itsinda ryo ku rwego rw'Akarere rigizwe na:

- Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage;
- Abagize inzego z'umutekano;
- Umukozi wa RURA;
- Abakozi bashinzwe Uburezi ku Mirenge no ku Karere;
- Abakozi boherejwe n'ibigo by'amashuri bicumbikira abanyeshuri muri ako Karere;
- Urubyiruko rw'Abakorerabushake;
- Abarimu babiri (umugabo n'umugore) bahuguwe ku buryo bwo gukumira ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19;
- Umuganga;
- Abakozi bashinzwe isuku.

## 2. Ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali

Ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, hateganyijwe ahantu abanyeshuri bazajya bahurira bagafashwa kubona imodoka zihabageza mu byerekezo by'aho bataha.

### 2.1. Ahazifashishwa mu gufasha abanyeshuri mu ngendo (Transit points) ni aha hakurikira:

- Mu Mujyi wa Kigali: Stade Regional ya Nyamirambo;
- Mu Ntara y'Amajyepfo: Stade ya Huye na Stade ya Muhanga;
- Mu Ntara y'Amajyaruguru: Stade ya Musanze;
- Mu Ntara y'Iburasirazuba: Kayonza (Ikibuga cy'Umupira cya Kayonza TVET);
- Mu Ntara y'Iburengerazuba: Stade ya Karongi na Stade ya Rubavu.

### 2.2. Bimwe mu bikoresho bizakenerwa mu rwego rwo kwirinda icyorezo cya COVID-19 ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali ni ibi bikurikira:

- Ahantu hahagije ho gukarabira intoki cyangwa ubundi buryo bwo kwirinda nko gukoresha "hands sanitizers";
- Ubwiherero n'ibikoresho by'isuku bihagije;
- Ibikoresho byo gupima ubushyuhe bw'umubiri;
- Ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze;
- Imodoka yakwifashishwa mu gutwara abarwayi bibaye ngombwa;
- icyumba gihagije kirimo intebe na matelas cyakwifashihwa mu gihe habonetse umuntu ukekwaho icyorezo cya COVID-19.

MINISTERE DE L'EDUCATION

### 2.3. Itsinda ryo ku rwego rw'Intara ("Transit Point") rigizwe na:

- Abagize itsinda ryo ku rwego rw'Akarere kashyizwemo "Pick Point";
- Abagize inzego z'umutekano baturutse ku rwego rw'igihugu;
- Umukozi wa RURA;
- Umukozi w'impuzamashyirahamwe y'abatwara abantu mu modoka;
- Abakozi batatu (3) ba Minisiteri y'Uburezi n'ibigo biyishamikiyeho;
- Abaganga 2 boherejwe na RBC/MINISANTE ;
- Abakozi bashinzwe isuku.

### 2.4. Itsinda ryo ku rwego rwUmujyi wa Kigali ("Transit Point" ya Stade Regional ya Nyamirambo) rigizwe na:

- Abagize itsinda ryo ku rwego rw'Akarere ka Nyarugenge;
- Abagize inzego z'umutekano baturutse ku rwego rw'igihugu;
- Umukozi wa RURA;
- Umukozi w'impuzamashyirahamwe y'abatwara abantu mu modoka;
- Abakozi ba Minisiteri y'Uburezi n'ibigo biyishamikiyeho;
- Abaganga 2 boherejwe na RBC/MINISANTE ;
- Abakozi bashinzwe isuku.

## 3. Guhuza ibikorwa no guhana amakuru muri raporo

Abakozi bashinzwe Uburezi mu mirenge bazajya bakusanya amakuru, bayohereze abashinzwe uburezi mu Karere, bayahe abayobozi n'Akarere bungirije bafite Imibereho myiza mu nshingano, ayo makuru ku rwego rw'Akarere yoherezwe ku rwego rw'Intara anyujijwe ku muyobozi ufite mu nshingano ze guhuza ibikorwa bijyanye n'Imibereho myiza maze yoherezwe ku rwego rw'Igihugu aho azajya ahurizwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'amashuri.

## 4. Gahunda y'ingendo ku banyeshuri

Ku wa Gatatu, tariki ya 31 Werurwe 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:

- Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro mu Mugi wa Kigali
- Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo
- Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru
- Nyamasheke, Rusizi mu Ntara y'Iburengerazuba
- Rwamagana, Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba

MINISTERE DE L'EDUCATION

Ku wa Kane, tariki ya 01 Mata 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:

- Huye, Gisagara mu Ntara y'Amajyepfo
- Gakenke mu Ntara y'Amajyaruguru
- Ngororero, Nyabihu mu Ntara y'Iburengerazuba
- Bugesera mu Ntara y'Iburasirazuba

Ku wa gatanu, tariki ya 02 Mata 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:

- Ruhango, Nyamagabe na Nyaruguru mu Ntara y'Amajyepfo;
- Gicumbi, Rulindo mu Ntara y'Amajyaruguru
- Karongi , Rutsiro mu Ntara y'Iburengerazuba
- Ngoma , Kirehe mu Ntara y'Iburasirazuba

Kuwa Gatandatu, tariki ya 03 Mata 2021,
hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :

- Muhanga, Kamonyi mu Ntara y'Amajyepfo
- Burera mu Ntara y'Amajyaruguru
- Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba
- Gatsibo, Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba.

MINISTERE DE L'EDUCATION